<p>Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ibidukikije, Amazi na Mine muri Minisitiri y'Umutungo Kamere</p>	<p>The Minister of State in charge of Environment, Water and Mines in the Ministry of Natural Resources</p>	<p>Le Secrétaire d'Etat chargé de l'Environnement, de l'Eau et des Mines au Ministère des Ressources Naturelles</p>
<p><b>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</b> (sé)</p>	<p><b>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</b> (sé)</p>	<p><b>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</b> (sé)</p>
<p><b>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</b> Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p><b>Seen and sealed with the Seal of the Republic :</b> The Minister of Justice / Attorney General</p>	<p><b>Vu et scellé du Sceau de la République:</b> Le Ministre de la Justice / Garde des Sceaux</p>
<p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> (sé)</p>	<p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> (sé)</p>	<p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> (sé)</p>

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/2008 RYO KUWA 15/08/2008 RIGENA UBURYO BWO KUGENZURA IBIGO CYANGWA IBIKORWA BIHUMANYA IBIDUKIKIJE.</b></p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N°005/2008 OF 15/08/2008 ESTABLISHING MODALITIES OF INSPECTING COMPANIES OR ACTIVITIES THAT POLLUTE THE ENVIRONMENT</b></p>	<p><b>ARRETE MINISTERIEL N°005/2008 DU 15/08/2008 PORTANT MODALITES D'INSPECTION DES ENTREPRISES OU DES ACTIVITES SOURCES DE POLLUTION DE L'ENVIRONNEMENT</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIERES</u></b></p>
<p><b>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</b></p>	<p><b>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</b></p>
<p><u>Ingingo ya mbere</u>: icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article 1</u>: Scope</p>	<p><u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté</p>
<p><b>UMUTWE WA II: IGENZURA RY'IBIGO CYANGWA IBIKORWA BIHUMANYA IBIDUKIKIJE.</b></p>	<p><b>CHAPTER II: INSPECTION OF COMPANIES OR ACTIVITIES THAT POLLUTE THE ENVIRONMENT.</b></p>	<p><b>CHAPITRE II : INSPECTION DES ENTREPRISES OU ACTIVITES SUSCEPTIBLES DE POLLUER L'ENVIRONNEMENT.</b></p>
<p><u>Ingingo ya 2</u>: Abashinzwe gukora igenzura</p>	<p><u>Article 2</u>: Inspectors</p>	<p><u>Article 2</u>: Les inspecteurs</p>
<p><u>Ingingo ya 3</u>: Gusaka</p>	<p><u>Article 3</u>: Search</p>	<p><u>Article 3</u>: Perquisition</p>
<p><u>Ingingo ya 4</u>: Ifatirwa ry'ibintu byangiza ibidukikije</p>	<p><u>Article 4</u>: Seizure of polluting products</p>	<p><u>Article 4</u> : Saisie de produits polluants</p>
<p><u>Ingingo ya 5</u>: Ipimwa ry'ibintu bikekwa</p>	<p><u>Article 5</u>: Sample analysis of suspected products</p>	<p><u>Article 5</u> : Analyse des échantillons des produits suspectés</p>
<p><u>Ingingo ya 6</u>: Ibikurikizwa mw'igenzura</p>	<p><u>Article 6</u>: Routine inspection procedures</p>	<p><u>Article 6</u> : Modalités d'inspection de routine</p>
<p><u>Ingingo ya 7</u>: Ingamba z'uburyo bundi buzakoreshwa</p>	<p><u>Article 7</u>: Alternative measures</p>	<p><u>Article 7</u> : Mesures alternatives</p>
<p><u>Ingingo ya 8</u>: icyemezo cy'ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA)</p>	<p><u>Article 8</u>: Decision of Rwanda Environment Management Authority (REMA)</p>	<p><u>Article 8</u> : Décision de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement (REMA)</p>
<p><u>Ingingo ya 9</u>: Ibikurikizwa n'utemeye ibivuye mu igenzura</p>	<p><u>Article 9</u>: Procedure to be followed by a contesting party</p>	<p><u>Article 9</u> : Procédure à suivre par la partie qui conteste le rapport de contrôle</p>
<p><u>Ingingo ya 10</u>: Itangwa rya raporo</p>	<p><u>Article 10</u>: Submission of the report</p>	<p><u>Article 10</u> : Présentation du rapport</p>
<p><u>Ingingo ya 11</u>: icyemezo cya Minisitiri</p>	<p><u>Article 11</u>: The Minister's decision</p>	<p><u>Article 10</u> : Présentation du rapport</p>
<p><u>Ingingo ya 11</u>: icyemezo cya Minisitiri</p>	<p><u>Article 12</u>: Measures taken against persons obstructing</p>	

<p><u>Ingingo ya 12:</u> icyemezo gifatwa ku muntu ubangamira igenzura</p> <p><b>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</b></p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</p>	<p>inspection</p> <p><b>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</b></p> <p><u>Article 13:</u> Repealing of inconsistent provisions</p> <p><u>Article 14:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 11</u> : Décision du Ministre</p> <p><u>Article 12:</u> Décision à prendre à l'encontre de toute personne qui s'oppose au contrôle</p> <p><b>CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES</b></p> <p><u>Article 13</u> : Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 14</u> : Entrée en vigueur</p>
--	---	--

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/2008 RYO KUWA 15/08/2008 RIGENA UBURYO BWO KUGENZURA IBIGO CYANGWA IBIKORWA BIHUMANYA IBIDUKIKIJE</b></p> <p><b>Minisitiri w'Umutungo Kamere;</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 49, 120, 121 n'ya 201;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 79;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/11/2007 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>ATEGETSE:</b></p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N°005/2008 OF 15/08/2008 ESTABLISHING MODALITIES OF INSPECTING COMPANIES OR ACTIVITIES THAT POLLUTE THE ENVIRONMENT</b></p> <p><b>The Minister of Natural Resources;</b></p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date, especially in Articles 49,120, 121, and 201</p> <p>Given the Organic Law n° 04/2005 of April 8, 2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of the environment in Rwanda especially in its Article 79;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet in its session of 14/11/2007;</p> <p><b>ORDERS:</b></p>	<p><b>ARRETE MINISTERIEL N°005/2008 DU 15/08/2008 PORTANT MODALITES D'INSPECTION DES ENTREPRISES OU DES ACTIVITES SOURCES DE POLLUTION DE L'ENVIRONNEMENT</b></p> <p><b>Le Ministre des Ressources Naturelles;</b></p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 120, 121, et 201 ;</p> <p>Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08 avril 2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en son article 79;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/11/2007;</p> <p><b>ARRETE :</b></p>
---	---	---

<p><b>UMUTWE WA MBERE: INGONGO RUSANGE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mberere:</u> Icyo iri teka rigamije</b></p> <p>Iri teka rigena uburyo bwo kugenzura ibigo cyangwa ibikorwa bihumanya ibidukikije.</p> <p><b>UMUTWE WA II: IGENZURA RY'IBIGO CYANGWA IBIKORWA BIHUMANYA IBIDUKIKIJE.</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Abashinzwe gukora igenzura</b></p> <p>Hatabangamiwe amategeko n'amabwiriza yo kugenza ibyaha, abafite ububasha bwo kugenza ibyaha mu bijyanye n'ibidukikije bakora igenzura rijyanye no kurengera ibidukikije bakurikije uburyo buvugwa mu ngingo zikurikira.</p>	<p><b>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article One:</u> Scope</b></p> <p>This Order determines the modalities of inspecting companies or activities that pollute the environment.</p> <p><b>CHAPTER II: INSPECTION OF COMPANIES OR ACTIVITIES THAT POLLUTE THE ENVIRONMENT.</b></p> <p><b><u>Article 2:</u> Inspectors</b></p> <p>Without prejudice to laws and regulations governing criminal investigations, officers competent to investigate environmental crimes shall conduct an inspection aimed at protecting the environment as provided for in the following Articles.</p>	<p><b>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</b></p> <p><b><u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté</b></p> <p>Le présent arrêté détermine les modalités d'inspection des entreprises ou des activités source de pollution de l'environnement.</p> <p><b>CHAPITRE II : INSPECTION DES ENTREPRISES OU ACTIVITES SOURCES DE POLLUTION DE L'ENVIRONNEMENT</b></p> <p><b><u>Article 2:</u> Les inspecteurs</b></p> <p>Sans préjudice des lois et règlements portant instruction criminelle, les officiers compétents pour mener des enquêtes en matière d'environnement effectuent des investigations selon les modalités indiquées dans les articles qui suivent.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Gusaka</u></b></p> <p>Abakozi babifitiye ububasha bavugwa mu ngingo ya 2 y'iri teka, bashobora kwinjira ahantu aho ariho hose bagasaka ahakerekwa kuba hakorerwa ibikorwa byangiza cyangwa bibangamira ibidukikije.</p> <p>Iyo abakozi babifitiye ububasha babona ko bashobora guhohoterwa n'abo bagiye gusaka, biyambaza ubuyobozi bwa polisi buri hafi cyangwa se ubuyobozi bw'inzego z'ibanze.</p> <p>Abakozi babifitiye ububasha, bashobora kandi no kujya ahandi hose imishinga ikorera kureba uburyo bubahiriza kubungabunga no kurengera ibidukikije n'ubwo aho hantu haba hadakerekwa.</p> <p>Mu gihe cy'igenzura risanzwe, ugenzurwa abimenesha amasaha mironko ine n'umunani (48)</p>	<p><b><u>Article 3: Searching</u></b></p> <p>The competent officers mentioned in Article 2, may enter and carry out a search in any place suspected to be carrying out activities which pollute the environment.</p> <p>When the Officers figure out that they might be harmed by the person under search, the nearest police station or local authority shall be called upon to assist in the process.</p> <p>The competent Officers can conduct inspection in companies or activities to make sure the environment is conserved and protected, even when the companies or activities are not suspected.</p> <p>In case of routine inspection, the person to be inspected shall be informed forty eight (48) hours prior to the</p>	<p><b><u>Article 3 : Perquisition</u></b></p> <p>Les Officiers compétents mentionnés à l'article 2, peuvent entrer dans n'importe quel endroit où l'on suspecte des activités nuisibles à l'environnement et Y effectuer des perquisitions.</p> <p>Lorsque les Officiers se rendent compte qu'ils risquent de subir des agressions de la part des gens qui font l'objet de perquisition, ils font recours à l'assistance de la Station de police ou des autorités de base les plus proches.</p> <p>Les Officiers compétents peuvent également mener des inspections auprès des entreprises ou activités en vue de s'assurer que l'environnement est bien conservé et protégé, quand bien même ledit endroit ne serait pas suspecté.</p> <p>Toute inspection de routine s'effectue en présence de la personne concernée ou son délégué, qui doit être avisée</p>

mbere y'igenzura kandi iryo genzura rigakorwa ugenzurwa ahari cyangwa undi wese yabihereye uburenganzira.	inspection and it is carried out in his/her presence or in the presence of a person he/she has delegated.	quarante huit (48) heures avant.
---	---	----------------------------------

<p><b><u>Ingingo va 4: Ifatirwa ry'ibintu byangiza ibidukikije</u></b></p> <p>Abakozi babifitiye ububasha bashobora gufatira by'agateganyo ibintu bihumanya ibidukikije ku buryo bukabije hategerejwe ko hafatwa umwanzuro.</p> <p>Ifatirwa n'ibikwa ry'ibintu byafatiriwe bikorwa hakurikijwe amategeko agenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha</p>	<p><b><u>Article 4: Seizure of polluting products</u></b></p> <p>Competent officers may temporarily seize products which excessively pollute the environment pending a final decision.</p> <p>The seizure and the storage of the seized products is done in accordance with laws governing criminal procedure.</p>	<p><b><u>Article 4 : Saisie de produits polluants</u></b></p> <p>Les agents compétents peuvent procéder à la saisie provisoire des produits qui polluent l'environnement en attendant que soit prise la décision finale.</p> <p>Les modalités de saisie, la conservation et la destination des biens saisis s'effectuent conformément aux règles de la procédure pénale.</p>
<p><b><u>Ingingo va 5: Ipimwa ry'ibintu bikekwa</u></b></p> <p>Mu gihe cy'igenzura, abakozi babifitiye ububasha bashobora gufata icyitegererezo muri bimwe mu bikorerwa ahakwe, kugira ngo bipimwe mu nganda zabigenewe (laboratoire) hagamijwe kureba niba ibikubiyemo (composition) bitabangamira ibidukikije.</p>	<p><b><u>Article 5: Sample analysis of suspected products</u></b></p> <p>During the inspection, the competent officer may take samples of suspected products for examination in appropriate laboratories for the purpose of making sure that their components are not harmful to the environment</p>	<p><b><u>Article 5 : Analyse des échantillons des produits suspectés</u></b></p> <p>Au cours de l'inspection, l'officier compétent peut prélever des échantillons des produits suspectés afin de les faire analyser dans un laboratoire pour déterminer s'ils contiennent des composants susceptibles de nuire à l'environnement.</p>
<p><b><u>Ingingo va 6: ibikurikizwa mw'igenzura risanzwe</u></b></p> <p>Mu igenzura risanzwe hagomba kubaho urutonde rw'ibisabwa kubahirizwa nyirukugenzurwa asinyaho nyuma y'igenzurwa.</p> <p>Nyuma y'igenzura nyir'ibikorwa cyangwa nyir'ikigo yoherezwa raporo igaragaza ibimenyetso by'ibikorwa cyangwa ibintu bikorwa bibangamira ibidukikije n'impungenge ziterwa n'iryo humanya.</p>	<p><b><u>Article 6: Routine Inspection procedure</u></b></p> <p>During routine inspection there needs to be a standard checklist of what needs to be verified and it should be signed by both the competent officer and the owner of the company or activity after the inspection.</p> <p>After the inspection, a report shall be sent to the owner of the company or the activity indicating the details and evidence of the activities or products that are harmful to the environment and the effects of that pollution.</p>	<p><b><u>Article 6 : Modalités d'inspection de routine</u></b></p> <p>L'inspection de routine s'effectue sur base d'une liste de vérification standardisée mentionnant ce qui doit être vérifié et elle doit être conjointement signée par l'agent compétent et le propriétaire de l'entreprise ou du promoteur de l'activité après l'inspection.</p> <p>Après l'inspection, le propriétaire de l'activité ou de l'entreprise reçoit un rapport d'inspection montrant les activités ou les produits fabriqués qui nuisent à l'environnement et les effets néfastes qui découlent de cette pollution.</p>

**Ingingo ya 7: Ingamba z'uburyo bundi buzakoreshwa**

Nyuma yo kugenzurwa, nyir'ikigo cyangwa nyir'ibikorwa wemeye raporo yakozwe n'abagenzuzi, agomba kugaragaza ubundi buryo azakoresha bunyuranye n'ubwo yakoreshaga kugira ngo arengere ibidukikije.

**Ingingo ya 8: icyemezo cy'ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA)**

Icyemezo cy'ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA) gishyikirizwa nyir'ikigo cyangwa nyir'ibikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'uko REMA yakiriye kopi yo gusobanura ubundi buryo buzakoreshwa ku wemeye raporo ya REMA.

**Ingingo ya 9: Ibikorwa n'utemeye ibivuye mu'iguzura**

Iyo atemeye ibyavuye mu'iryo guzura nyuma y'iminsi cumi n'itanu (15) agejejweho raporo, uwagenzuzwe ashobora kujuririra Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze, hanyuma agasaba ko hakorwa irindi guzura n'impuguke yigenga mu bijyanye n'ibidukikije. Iyo mpuguke igomba kuba yujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko.

Iyo mpuguke yishyurwa n'uwanze kwemera ibyavuye mu iguzura ryakozwe n'ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA).

**Ingingo ya 10: Itangwa rya raporo**

Iyo hifashishijwe impuguke yigenga, raporo igezwa kuri Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi mirongo ine n'itanu (45) hanyuma REMA igahabwa kopi. Iyo bibaye ngombwa impuguke isaba kongererwa iminsi.

**Article 7: Alternative measures**

After the inspection, the owner of the company or the person responsible for the activity who has accepted the report made by the competent officers shall indicate alternative means that he / she will be using in order to protect the environment.

**Article 8: Decision of Rwanda Environment Management Authority (REMA)**

The decision of the Rwanda Environment Management Authority (REMA) shall be submitted to the owner of the company or the person responsible for the activities not later than thirty (30) days after being availed with alternative means to be used by the owner of the company or the responsible person of the activity.

**Article 9: Procedure to be followed by a contesting party**

The contesting party may appeal to the Minister in charge of the environment in a period of fifteen (15) days upon receipt of the report. The contesting party may request another inspection to be carried out by an independent and competent environmental expert.

The expert shall be paid by the contesting party against the report of investigation conducted by Rwanda Environment Management Authority (REMA).

**Article 10: Submission of the report**

The report done by an independent expert should be submitted to the Minister in charge of the environment within a period of forty five (45) days and also a copy to REMA. When necessary the expert may request for an additional period.

**Article 7 : Mesures alternatives**

Après le contrôle, le propriétaire de l'activité ou de l'entreprise, qui a accepté le rapport d'inspection rédigé par les agents compétents, doit indiquer les mesures alternatives qu'il va mettre en place pour protéger l'environnement.

**Article 8 : Décision de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement (REMA)**

La décision prise par l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement (REMA) est communiquée au propriétaire de l'entreprise ou au responsable des activités dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à dater de la réception du document indiquant les mesures alternatives qui seront utilisées par le propriétaire de l'entreprise ou le promoteur de l'activité.

**Article 9 : Procédure à suivre par celui ou celle qui n'accepte pas les conclusions du rapport de contrôle**

Lorsque la personne inspectée n'accepte pas les conclusions du rapport d'inspection, elle peut, endéans quinze (15) jours à dater de la réception de ce rapport, faire recours auprès du Ministre ayant l'environnement dans ses attributions et demander qu'une autre inspection soit effectuée par un expert en environnement indépendant.

Les frais de l'expertise indépendante sont à charge de la personne qui conteste les conclusions du rapport d'inspection de REMA.

**Article 10 : Présentation du rapport**

Lorsqu'il est fait recours à un expert indépendant, le rapport de celui-ci doit parvenir au Ministre ayant l'environnement dans ses attributions dans une période ne dépassant pas quarante-cinq (45) jours avec copie à REMA. En cas de nécessité, l'expert peut demander un délai supplémentaire.

<p><b><u>Ingingo ya 11: icyemezo cya Minisitiri</u></b></p> <p>Hashingiwe kuri raporo y'impuguke, Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze afata icyemezo gishyikirizwa nyir'ikigo cyangwa nyir'ibikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'uko yakiriye kopi ya raporo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12: icyemezo gifatwa k'umuntu ubangamira igenzura</u></b></p> <p>Umuntu wese ubangamira igenzura ategukwa guhagarika ibikorwa bye by'agateganyo kugeza igihe yemeye gukorana n'abagenzuzi.</p> <p><b><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></b></p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 14: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 11: The Minister's decision</u></b></p> <p>Based on the report of the independent expert, the decision of the Minister in charge of the environment shall be communicated to the owner of the company or the person responsible for the activities within thirty (30) days after the reception of the expert's report.</p> <p><b><u>Article 12: Measures taken against persons obstructing the inspection.</u></b></p> <p>Anyone person obstructing the inspection shall be ordered to temporarily stop his/her activities until he/she is ready to cooperate with the inspection officers.</p> <p><b><u>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 13: Repealing of inconsistent provisions</u></b></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.</p> <p><b><u>Article 14: Commencement</u></b></p> <p>This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda</p>	<p><b><u>Article 11 : Décision du Ministre</u></b></p> <p>Sur base du rapport de l'expert indépendant, le Ministre ayant l'environnement dans ses attributions prend, dans les trente (30) jours dès la réception de ce rapport, une décision qu'il communique au requérant.</p> <p><b><u>Article 12 : Décision à prendre à l'encontre de toute personne opposée au contrôle</u></b></p> <p>Toute personne faisant obstruction à l'inspection est contrainte de suspendre temporairement ses activités jusqu'à ce qu'elle accepte de collaborer avec les inspecteurs.</p> <p><b><u>CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 13 : Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 14 : Entrée en vigueur.</u></b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, kuwa <b>15/08/2008</b></p> <p>Minisitiri w'Umutungo Kamere.</p>	<p>Kigali, on <b>15/08/2008</b></p> <p>The Minister of Natural Resources</p>	<p>Kigali, le <b>15/08/2008</b></p> <p>Le Ministre des Ressources Naturelles</p>



<p><b>KAMANZI Stanislas</b> (sé)</p> <p>Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ibidukikije, Amazi na Mine muri Minisiteri y’Umutungo Kamere</p> <p><b>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</b> (sé)</p> <p><b>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</b></p> <p>Minisitiri w’Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta</p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> (sé)</p>	<p><b>KAMANZI Stanislas</b> (sé)</p> <p>The Minister of State in charge of Environment, Water and Mines in Ministry of Natural Resources</p> <p><b>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</b> (sé)</p> <p><b>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</b></p> <p>The Minister of Justice / Attorney General</p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> (sé)</p>	<p><b>KAMANZI Stanislas</b> (sé)</p> <p>Le Secrétaire d’Etat chargé de l’Environnement, de l’Eau et des Mines au Ministère des Ressources Naturelles</p> <p><b>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</b> (sé)</p> <p><b>Vu et scellé du Sceau de la République :</b></p> <p>Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux</p> <p><b>KARUGARAMA Tharcisse</b> (sé)</p>
--	--	---

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N° 006/2008 RYO KUWA 15/08/2008 RIGENA UBURYO BWO GUTUMIZA NO KOHEREZA MU MAHANGA IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA, IBICURUZA NDETSE N'IBIKORESHO BIRIMO IBYO BINTU</b></p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N°006/2008 OF 15/08/2008 REGULATING THE IMPORTATION AND EXPORTATION OF OZONE LAYER DEPLETING SUBSTANCES PRODUCTS AND EQUIPMENT CONTAINING SUCH SUBSTANCES</b></p>	<p><b>ARRETE MINISTERIEL N° 006/2008 DU 15/08/2008 REGLEMENTANT LES IMPORTATIONS ET EXPORTATIONS DES SUBSTANCES APPAUVRISANT LA COUCHE D'OZONE ET DES PRODUITS ET EQUIPEMENTS CONTENANT DE TELLES SUBSTANCES</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIERES</u></b></p>
<p><b>UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE</b></p>	<p><b>CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</b></p>
<p><u>Ingingo ya mbere</u>: Ikigamijwe n'iri teka</p>	<p><u>Article One</u>: Scope</p>	<p><u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo 2</u>: Ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba n'ibikoresho birimo ibyo bintu</p>	<p><u>Article 2</u>: Controlled ozone-depleting substances, products and equipment containing the substances (ODS)</p>	<p><u>Article 2</u>: Substances et produits altérant la couche d'ozone et les équipements contenant ces substances (SAO)</p>
<p><b>UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUTUMIZA NO KOHEREZA MU MAHANGA, IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA</b></p>	<p><b>CHAPTER II: MODALITIES OF IMPORTING AND EXPORTING OZONE DEPLETING SUBSTANCES</b></p>	<p><b>CHAPITRE II. MODALITES D'IMPORTATION ET D'EXPORTATION DES SUBSTANCES ALTERANT LA COUCHE D'OZONE</b></p>
<p><u>Ingingo ya 3</u> : Guhabwa uruhushya rwo gutumiza no kohereza ibintu mu mahanga</p>	<p><u>Article 3</u>: Issuing of import and export license</p>	<p><u>Article 3</u>: Octroi d'une licence d'importation et d'exportation</p>
<p><u>Ingingo ya 4</u> : Inzego zishinzwe kugenzura ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba</p>	<p><u>Article 4</u> : Institutions responsible for controlling ozone depleting substances (ODS)</p>	<p><u>Article 4</u>: Institutions chargées du contrôle de substances altérant la couche d'ozone (SAO)</p>
<p><u>Ingingo ya 5</u> : Ibarura ry'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba</p>	<p><u>Article 5</u>: Inventory of ozone layer depleting substances</p>	<p><u>Article 5</u>: Inventaire des produits altérant la couche d'ozone</p>
<p><b>UMUTWE WA III: KWEMEZA, GUTANGAZA NO KUGABANYA IGIPIMO CY'IBITUMIZWA MU MAHANGA CYA BURI MWAKA KU BIREBANA N'IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA</b></p>	<p><b>CHAPTER III: FIXING, PUBLICATION AND REDUCTION OF ANNUAL IMPORT QUOTAS OF OZONE DEPLETING SUBSTANCES</b></p>	<p><b>CHAPITRE III: FIXATION, PUBLICATION ET REDUCTION DES QUOTAS ANNUELS D'IMPORTATION DES SUBSTANCES ALTERANT LA COUCHE D'OZONE</b></p>
<p><u>Ingingo ya 6</u> : Kugena igipimo cya buri mwaka</p>	<p><u>Article 6</u>: Fixing annual import quotas</p>	<p><u>Article 6</u> : Fixation des quotas d'importation</p>

**JO N°22 OF 15/11/2008**

<p><u>Ingingo ya 7</u> : Itariki yo gutangaza igipimo cy’umwaka  <u>Ingingo ya 8</u>: Igabanuka ry’ibipimo by’ibitumizwa mu mahanga</p>	<p><u>Article 7</u>: The date of annual quota publication  <u>Article 8</u>: Reduction of import quotas</p>	<p>annuelle  <u>Article 7</u> : Date de publication des quotas annuels  <u>Article 8</u> : Réduction des quotas d’importation</p>
<p><u>Ingingo ya 9</u>: Gusaba igipimo cyo gutumiza ibintu mu mahanga.</p>	<p><u>Article 9</u>: Application for import quotas</p>	<p><u>Article 9</u>: Demande de quotas d’importation</p>
<p><u>Ingingo ya 10</u>: Itariki ntarengwa yo gusaba igipimo</p>	<p><u>Article 10</u>: Import quota application deadline</p>	<p><u>Article 10</u> : Date limite de demande de quota d’importation</p>
<p><u>Ingingo ya 11</u>: Ikirango cy’ibitumizwa mu mahanga</p>	<p><u>Article 11</u>: Labeling of imported products</p>	<p><u>Article 11</u> : Marquage des produits importés</p>
<p><u>Ingingo ya 12</u>: Itumizwa rinyuranyije n’amategeko ry’ibintu byangiza akayunguruzo k’imirasire y’izuba n’ibikoresho birimo ibyo bintu</p>	<p><u>Article 12</u>: Illegal importation of ozone depleting substances and equipment</p>	<p><u>Article 12</u>: Importation illicite des substances altérant la couche d’ozone et des équipements contenant ces substances</p>
<p><u>Ingingo ya 13</u> : Uburyo bwo kugarura no kuvugurura ibintu byangiza akayunguruzo k’imirasire y’izuba</p>	<p><u>Article 13</u>: Recovery and recycling systems of ozone depleting substances</p>	<p><u>Article 13</u> : Systèmes de récupération et recyclage des substances</p>
<p><u>Ingingo ya 14</u>: Guhagarika by’agateganyo cyangwa kwamburwa burundu uburenganzira</p>	<p><u>Article 14</u>: Temporary suspension or withdraw of authorization</p>	<p><u>Article 14</u>: Suspension temporaire et retrait définitif d’autorisation</p>
<p><b>UMUTWE WA IV: INGINGO Z’INZIBACYUHO N’IZISOZA</b></p>	<p><b>CHAPTER IV : FINAL AND TRANSITIONAL PROVISIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b></p>
<p><u>Ingingo ya 15</u>: Igihe cy’inzibacyuho</p>	<p><u>Article 15</u>: Transitional period</p>	<p><u>Article 15</u>: Période transitoire</p>
<p><u>Ingingo 16</u> : Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka</p>	<p><u>Article 16</u> : Repealing of inconsistent provisions</p>	<p><u>Article 16</u> : Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 17</u>: Igihe iteka ritangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 17</u>: Commencement</p>	<p><u>Article 17</u>: Entrée en vigueur</p>

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N°006/2008 RYO KUWA 15/08/2008 RIGENA UBURYO BWO GUTUMIZA NO KOHEREZA MU MAHANGA IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA HAMWE N'IBICURUZA NDETSE N'IBIKORESHO BIRIMO IBYO BINTU</b></p> <p><b>Minisitiri w'Umutungo Kamere;</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 49, iya 120, iya 191 n'iya 201;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo iya 26 n'iya 27;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 16/2006 ryo ku wa 03/04/2006 rigena imiterere, imikorere n'inshingano by'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije mu Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/11/2007 imaze kubisuzuma no kubyemeza ;</p> <p><b>ATEGETSE:</b></p> <p><b>UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE</b></p> <p><b>Ingingo mbere: Ikigamijwe n'iri teka</b></p> <p>Iri teka rigena uburyo bwo gutumiza, kohereza cyangwa kongera kohereza mu mahanga ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba byitwa « ODS » mu magambo ahinnye y'icyongereza kimwe n'ibicuruzwa cyangwa ibikoresho birimo ibyo bintu.</p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N°006/2008 OF 15/08/2008 REGULATING IMPORTATION AND EXPORTATION OF OZONE LAYER DEPLETING SUBSTANCES, PRODUCTS AND EQUIPMENT CONTAINING SUCH SUBSTANCES</b></p> <p><b>The Minister of Natural Resources;</b></p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date, especially in Articles 49, 120, 191 and 201;</p> <p>Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of the environment in Rwanda especially in Articles 26 and 27;</p> <p>Pursuant to Law n° 16/2006 of 03/04/2006 determining the organization, functioning and responsibilities of Rwanda Environment Management Authority especially in Article 3;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet in its session of 14/11/2007;</p> <p><b>ORDERS :</b></p> <p><b>CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS</b></p> <p><b>Article one : Scope</b></p> <p>The present Order shall regulate imports, exports and re-exports of substances that deplete the Ozone Layer abbreviated as ODS, products and equipment containing such substances.</p>	<p><b>ARRETE MINISTERIEL N° 006/2008 DU 15/08/2008 REGLEMENTANT LES IMPORTATIONS ET EXPORTATIONS DES SUBSTANCES APPAUVRISANT LA COUCHE D'OZONE ET DES PRODUITS ET EQUIPEMENTS CONTENANT DE TELLES SUBSTANCES</b></p> <p><b>Le Ministre des Ressources Naturelles ;</b></p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 120, 191 et 201;</p> <p>Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en ses articles 26 et 27 ;</p> <p>Vu la Loi n° 16/2006 du 03/04/2006 portant Organisation, Fonctionnement et attributions de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement ; spécialement en son article 3 ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/11/2007 ;</p> <p><b>ARRETE:</b></p> <p><b>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</b></p> <p><b>Article premier: Objet du présent arrêté</b></p> <p>Le présent arrêté régleme les importations, les exportations et les réexportations des produits appauvrissant la couche d'ozone, SAO en sigle, ainsi que des marchandises et les équipements contenant ces substances.</p>
---	--	--

<p><b>Ingingo ya 2 : Ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba n'ibikoresho birimo ibyo bintu (ODS)</b></p> <p>Ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba ndetse n'ibikoresho birimo ibyo bintu biri ku mugereka wa I n'uwa II w'iri teka.</p> <p>Urwo rutonde rushobora kuvugururwa hashingiwe ku iterambere ry'ubumenyi cyangwa igihe cyose bigaragaye ko ari ngombwa.</p> <p><b>UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUTUMIZA NO KOHEREZA MU MAHANGA IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA</b></p> <p><b>Ingingo 3 : Guhabwa uruhushya rwo gutumiza no kohereza ibintu mu mahanga</b></p> <p>Uruhushya rwo gutumiza no kohereza mu mahanga ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba rutangwa n'inzego zibifitiye ububasha, ku bantu batumiza ibintu mu mahanga hashingiwe ku cyemezo kigaragaza igipimo cyemerewe utumiza gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije.</p> <p><b>Ingingo ya 4 : Inzego zishinzwe kugenzura ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba n'ibikoresho birimo ibyo bintu ( ODS)</b></p> <p>Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge kigenzura ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba bitumizwa cyangwa byoherezwa mu mahanga gishingiye ku rutonde rw'ibintu bikunda kugaragaramo ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba n'ibikoresho birimo ibyo bintu (ODS) rutangwa n'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije.</p>	<p><b>Article 2: Controlled ozone-depleting substances, products and equipment containing the substances (ODS)</b></p> <p>Substances that deplete Ozone Layer, products and equipment that contain such substances are listed in annex I and II of this Order.</p> <p>The list of these substances and products can be updated on the basis of technology advancement or whenever it is deemed necessary.</p> <p><b>CHAPTER II: MODALITIES OF IMPORTING AND EXPORTING OF OZONE LAYER DEPLETING SUBSTANCES</b></p> <p><b>Article 3: Issuing of import and export license</b></p> <p>The import and export license of ozone layer depleting products is issued by competent authorities to importers upon presentation of an authorization letter indicating the importer's quota issued by Rwanda Environment Management Authority.</p> <p><b>Article 4 : Institutions responsible for controlling Ozone – depleting substances, products and equipment containing the substances (ODS)</b></p> <p>The Rwanda Bureau of Standards shall ensure the control of imported/exported ozone layer depleting substances based on the list of products or substances that contain Ozone – depleting substances, products and equipment containing the substances (ODS) that is provided by the Rwanda Environment Management Authority.</p>	<p><b>Article 2: Les produits altérant la couche d'ozone et les équipements contenant ces substances (SAO)</b></p> <p>La liste des substances appauvrissant la couche d'ozone ainsi que les produits et les équipements contenant ces substances se trouve à l'annexe I et II du présent arrêté.</p> <p>Cette liste peut être mise à jour en fonction du progrès de la science ou chaque fois qu'il sera jugé nécessaire.</p> <p><b>CHAPITRE II : MODALITES D'IMPORTATION ET EXPORTATION DES PRODUITS ALTERANT LA COUCHE D'OZONE</b></p> <p><b>Article 3: Octroi de la licence d'importation et exportation</b></p> <p>La licence d'importation et d'exportation des produits appauvrissant la couche d'ozone est délivrée par les autorités compétentes aux importateurs sur présentation d'une autorisation de quota délivrée par l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement.</p> <p><b>Article 4: Institutions chargées du contrôle de produits altérant la couche d'ozone et les équipements contenant ces substances (SAO)</b></p> <p>L'Office Rwandais de Normalisation assure le contrôle des substances importées et exportées altérant la couche d'ozone sur base de la liste des produits ou substances contenant les produits altérant la couche d'ozone et les équipements contenant ces substances (SAO) prévues par l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement.</p>
--	--	---

<p><b>Ingingo ya 5 : Ibarura ry'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba</b></p> <p>Buri mezi atandatu, Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije gikora ibarura rigamije kumenya ubwinshi mu mibare bw'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba byinjijwe mu gihugu cyangwa byoherejwe mu mahanga ku buryo bwemewe n'amategeko.</p> <p>Iryo barura rigamije kumenya umubare w'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba n'ibikoresho birimo ibyo bintu (ODS) byinjijwe mu gihugu bityo bikaba ishingiro ryo gushyiraho ibipimo by'umwaka ukurikira.</p> <p><b>UMUTWE WA III : KWEMEZA, GUTANGAZA NO KUGABANYA IGIPIMO CY'IBITUMIZWA MU MAHANGA CYA BURI MWAKA KU BIREBANA N'IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA</b></p>	<p><b>Article 5: Inventory of ozone layer depleting substances</b></p> <p>Rwanda Environment Management Authority shall every six months carry out an inventory aimed at establishing the volumes of ozone depleting substances, imported or exported in accordance with the law.</p> <p>The inventory is aimed at establishing the quantity of Ozone depleting substances, products and equipment containing the substances (ODS) that have been imported in the country so that it can be a basis for calculation of the import quota for ODS in the following year.</p> <p><b>CHAPTER III: FIXING, PUBLICATION AND REDUCING OF ANNUAL IMPORT QUOTAS OF OZONE DEPLETING SUBSTANCES</b></p>	<p><b>Article 5: Inventaire des produits altérant la couche d'ozone</b></p> <p>Tous les six mois, l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement fait un inventaire pour connaître la quantité des substances altérant la couche d'ozone, importées et exportées en conformité avec la loi.</p> <p>Cet inventaire a pour but d'établir la quantité des substances de produits altérant la couche d'ozone et les équipements contenant ces substances (SAO) importées qui servirait de base pour calculer le quota d'importation des substances SAO à importer l'année suivante.</p> <p><b>CHAPITRE III: FIXATION, PUBLICATION ET REDUCTION DES QUOTAS D'IMPORTATION DES SUBSTANCES ALTERANT LA COUCHE D'OZONE</b></p>
<p><b>Ingingo ya 6 : Kugena igipimo cya buri mwaka</b></p> <p>Buri mwaka, Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije kigena igipimo ku rwego rw'igihugu cy'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba bishobora gutumizwa mu mahanga, bishingiye ku byatumijwe n'ibyakoreshejwe mu mezi atandatu (6) ya nyuma y'uwo mwaka.</p>	<p><b>Article 6: Fixing annual import quotas</b></p> <p>Rwanda Environment Management Authority shall every year fix the national import quotas of ozone layer depleting products based on the quantity imported and utilized during the previous six (6) months of the same year.</p>	<p><b>Article 6 : Fixation des quotas d'importation annuelle</b></p> <p>Chaque année, l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement fixe le quota national annuel d'importation des produits altérant la couche d'ozone en fonction des produits importés et utilisés au cours des six (6) derniers mois de cette même année.</p>
<p><b>Ingingo ya 7 : Itariki yo gutangaza igipimo cy'umwaka</b></p> <p>Igipimo ku rwego rw'igihugu cy'ibitumizwa mu mahanga cy'umwaka ukurikira gitangazwa bitarenze tariki ya mbere y'Ukwakira buri mwaka.</p>	<p><b>Article 7: The date of annual quota publication</b></p> <p>The national import quota for the following year shall be communicated not later than October 1 of each year.</p>	<p><b>Article 7 : Date de publication du quota annuel</b></p> <p>Le quota national d'importation de l'année suivante est publié au plus tard le 1<sup>er</sup> octobre de chaque année.</p>
<p><b>Ingingo ya 8: Uko ibipimo by'ibitumizwa mu mahanga bigenda bigabanuka</b></p> <p>Igipimo cy'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba bitumizwa mu mahanga gishyirwaho ku buryo kigenda kigabanuka hakurikijwe ingamba z'igihugu zo kugabanya</p>	<p><b>Article 8: Decrease of import quotas</b></p> <p>The quotas of imported ozone depleting substances shall be fixed on decreasing scale in conformity with national strategies on reduction of the use of the ozone layer</p>	<p><b>Article 8 : Réduction des quotas d'importation</b></p> <p>Les quotas d'importation des substances et produits altérant la couche d'ozone sont fixés de manière décroissante, en harmonie avec les stratégies</p>

<p>ikoreshwa ry'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba.</p> <p><b>Ingingo ya 9: Gusaba igipimo cyo gutumiza ibintu mu mahanga</b></p> <p>Dosiye isaba igipimo cy'umwaka cy'utumiza ibintu mu mahanga wemewe, igomba kugaragaza imicungire y'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba byatumijwe mu mahanga umwaka washize.</p> <p><b>Ingingo ya 10: Itariki ntarengwa yo gusaba igipimo</b></p> <p>Itariki ntarengwa yo gutanga amadosiye yaka igipimo cyagenewe buri muntu cy'umwaka ukurikiyeho ni itariki ya mbere Nyakanga buri mwaka.</p> <p><b>Ingingo ya 11: Ikirango cy'ibitumizwa mu mahanga</b></p> <p>Ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba bitumizwa mu mahanga kimwe n'ibikoresho birimo ibyo bintu bigomba gushyirwaho ikirango cyerekana ubwoko bw'ibintu birimo, ijanisha ry'ibyo bintu n'itangazo ryerekana ingaruka y'imikoreshereze y'ibyo bintu.</p> <p>Ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba bigomba guherekezwa n'icyemezo cy'aho bikomoka.</p> <p><b>Ingingo ya 12: Itumizwa rinyuranyije n'amategeko ry'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba n'ibikoresho birimo ibyo bintu</b></p> <p>Ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba biri mu bikoresho bishya cyangwa byakoze byatumijwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko bigomba gusubizwa aho byavuye na nyir'ubwite.</p> <p><b>Ingingo ya 13 : Uburyo bwo kugarura no kuvugurura ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba</b></p> <p>Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije kigena uburyo bwo kvanaho no kuvugurura ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba bwemewe ku rwego rw'Igihugu.</p>	<p>depleting products.</p> <p><b>Article 9: Application for import quotas</b></p> <p>Application file for annual import quota by recognized importer should show management of ozone layer depleting products imported during the previous year.</p> <p><b>Article 10: Import quota application deadline</b></p> <p>The application deadline of individual import quota application for the following year shall be on July 1 of each year.</p> <p><b>Article 11: Labeling of imported products</b></p> <p>Imported ozone depleting substances and equipment containing them must bear a label or any other indication showing the nature, percentage and a caution indicating consequences of using these substances.</p> <p>The Ozone depleting substances should be accompanied with a certificate of origin</p> <p><b>Article 12: Illegal importation of ozone depleting substances and equipment</b></p> <p>Unauthorized ozone depleting substances; as well as brand-new or secondhand equipment whose functioning is dependent on ozone depleting substances if imported without license shall be re-exported at the expense of the importer.</p> <p><b>Article 13: Recovery and recycling systems of ozone depleting substances</b></p> <p>Rwanda Environment Management Authority shall determine the methods of recovery and recycling of ozone depleting substances that are approved at the national level.</p> <p><b>Article 14: Temporary suspension or withdraw of</b></p>	<p>nationales pour réduire l'usage des produits endommageant la couche d'ozone.</p> <p><b>Article 9: Demande de quotas d'importation</b></p> <p>Le dossier de demande des quotas d'importation annuelle par un importateur agréé doit montrer la gestion des produits qui altèrent la couche d'ozone importés l'année précédente.</p> <p><b>Article 10 : Date limite de dépôt du dossier de demande de quota</b></p> <p>La date limite pour le dépôt de la demande de quota d'importation individuelle pour l'année suivante est fixée au 1<sup>er</sup> juillet de chaque année.</p> <p><b>Article 11 : Marquage des produits importés</b></p> <p>Les substances importées appauvrissant la couche d'ozone et les équipements contenant ces substances doivent porter une marque ou une autre indication montrant la nature, le pourcentage et une note montrant les conséquences de l'usage de ces substances.</p> <p>Les substances appauvrissant la couche d'ozone doivent être accompagnées d'un certificat d'origine</p> <p><b>Article 12: Importation illicite des substances altérant la couche d'ozone et des équipements les contenant</b></p> <p>Les substances altérant la couche d'ozone contenues dans des équipements nouveaux ou d'occasions importées illégalement devront être déportées par l'importateur.</p> <p><b>Article 13 : Systèmes de récupération et recyclage des substances appauvrissant la couche d'ozone</b></p> <p>L'Office Rwandais de Protection de l'Environnement détermine les méthodes appropriées, au niveau national, de récupération et de recyclage des substances altérant la couche d'ozone.</p>
---	---	--

